**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N$^{o}$: MICT-13-38-PT

Itariki: 26 Kanama 2022

Umwimerere: Icyongereza

**PEREZIDA WA IRMCT**

**Umucamanza:** **Graciela Gatti Santana, Perezida**

**Gerefiye:** **Abubacarr M. Tambadou**

**Itariki:** **26 Kanama 2022**

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

# ITEGEKO RISHYIRAHO UMUCAMANZA USIMBURA UNDI RIKANASHYIRAHO UMUCAMANZA W'INGOBOKA

**Ibiro bya Porokireri**

Serge Brammertz
Rashid S. Rashid
Rupert Elderkin

**Avoka wunganira Félicien Kabuga**

Emmanuel Altit

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE, GRACIELA GATTI SANTANA**, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**MAZE KUBONA** "Itegeko rishyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo" ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2020, uwambanjirije yatanze anshyiraho, hamwe n'Abacamanza Iain Bonomy, Perezida, na Elizabeth Ibanda-Nahamya nk'Abacamanza bagize Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo muri uru rubanza;

**MAZE KUBONA KO** biteganyijwe ko iburanisha ry'uru rubanza rizatangira ku itariki ya 29 Nzeri 2022;

**MAZE KUBONA KO** Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yanshyizeho nka Perezida wa IRMCT, guhera ku itariki ya 1 Nyakanga 2022;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(3) ya Sitati ya IRMCT ("Sitati"), iteganya ibintu birimo n'uko Perezida wa IRMCT ari umwe mu bagize Urugereko rw'Ubujurire kandi akaba ari we uyobora iburanisha mu bujurire;

**MAZE KUBONA KO** indi mirimo n'inshingano mfite nka Perezida bituma ngomba gusimburwa mu Nteko muri uru rubanza mbere y'uko iburanisha ryarwo ritangira;

**NSHINGIYE KANDI KU** Ngingo ya 12(5) ya Sitati n'iya 20(A) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ("Amategeko"), ziteganya ko Perezida ashobora gushyiraho Umucamanza w'ingoboka ugomba gukurikirana ibyiciro by'urubanza byose by'urubanza azaba yashyizwemo no gusimbura Umucamanza wese udashoboye gukomeza kuburanisha urwo rubanza;

**MAZE KUBONA KO** ari ngombwa kandi bikwiye ko hashyirwaho Umucamanza w'ingoboka kugira ngo hakorwe ibishoboka byose byatuma uru urubanza rucibwa vuba nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 18(1) ya Sitati;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(1) na 12(5) ya Sitati n'Ingingo ya 20(A) n'iya 23(A) z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso;

**NSHYIZEHO** Umucamanza Mustapha El Baaj kugira ngo ansimbure mu Nteko iburanisha uru rubanza;

**NSHYIZEHO** Margaret deGuzman nk'Umucamanza w'ingoboka muri uru rubanza; kandi

**NTEGETSE KO,** guhera ubu, Inteko y'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo mu *Rubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38, igizwe n'Abacamanza bakurikira:

Iain Bonomy, Perezida

Elizabeth Ibanda-Nahamya

Mustapha El Baaj

Margaret deGuzman, Umucamanza w'ingoboka

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu mu munsi, tariki ya 26 Kanama 2022, [Umukono]

Arusha, muri Tanzaniya. Graciela Gatti Santana

Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**